



**IHURIRO RYAKIRIYE
ABASHYITSI B'ABANYAMA-
HANGA BANYURANYE BAGANI-
RA KU BIKORWA BY'AMATORA
YO MURI NYAKANGA 2024**



Mu gihe cy'imyiteguro y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yo muri Nyakanga 2024, Ihuriro ry'Igi-hugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryakiriye abashyitsi b'abanyamahanga banyuranye bari bakeneye kumenya imikorere y'Ihuriro n'uruhare rwaryo mu bikorwa by'ayo matora yategurwaga.



Tariki ya 27 Kamena 2024 n'i-ya 10 Nyakanga 2024, Itsinda ry'Impuguke n'Indorerezi zo mu Muryango w'Afurika w'Iburasirazuba (East African Community - EAC), bagiranye ibiganiro n'Ubuyobozi bw'Ihuriro ry'Ighugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki. Ibiganiro byibanze ku mikorere y'Ihuriro n'uruhare rwaryo mu bikorwa by'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yo muri Nyakanga 2024. Abashyitsi bashimye ko Ihuriro rigira uruhare mu kubaka ubushobozi bw'urubyiruko n'abagore bo mu Mitwe ya Politiki.

Ibiganiro byabereye muri Hotel Park inn, iri mu Kiyovu, mu Mujyi wa Kigali.

Tariki ya 02 na 12 Nyakanga

2024, Itsinda ry'indorerezi zo mu Muryango w'Ibihugu bivuga Ururimi rw'Igifaransa (Organisation Internationale de la Francophonie/OIF), ryasuye Muryango uhuza Ibihugu byo Ihuriro ry'Ighugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki. Aba bashyitsi bari bakeneye kumenya imikorere zituruka mu bihugu 12 bigize y'Ihuriro, uko riteza imbere uyu Muryango zasuye Ihuriro. demokarasi ishingiye ku Izi ndorerezi zari zikeneye kubwumvikane, n'uburyo ryubaka menya uko Ihuriro n'Imitwe ya ubushobozi bw'urubyiruko Politiki irigize biteguye kugira n'abagore bo mu Mitwe ya Politiki mu kwitabira ibikorwa bya wa Repubulika n'ay'Abadepite politiki mu Rwanda, no kujya yo muri Nyakanga 2024. Ibi biganiro byabereye ku cyicaro cy'Ihuriro, ku Kacyiru, mu Mujyi wa Kigali.



Tariki ya 11 Nyakanga 2024, Itsinda ry'Indorerezi zo mu Muryango w'Afurika Yunze Ubumwe (AU) ryagiranye ibiganiro n'Ubuyobozi bw'Ihuriro. Izi ndorerezi zari zigamije kumenya uruhare rw'Ihuriro mu bikorwa by'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yo muri Nyakanga 2024. Ibi biganiro byabereye muri Kigali Convention Center (KCC) iri ku

Kimihurura mu Mujyi wa Kigali.

Tariki ya 12 Nyakanga 2024,



Itsinda ry'Indorerezi zo mu la Francophonie/OIF), ryasuye Muryango uhuza Ibihugu byo Ihuriro ry'Ighugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya (International Conference on the Great Lakes Region, ICGLR), bakeneye kumenya imikorere zituruka mu bihugu 12 bigize y'Ihuriro, uko riteza imbere uyu Muryango zasuye Ihuriro. demokarasi ishingiye ku Izi ndorerezi zari zikeneye kubwumvikane, n'uburyo ryubaka menya uko Ihuriro n'Imitwe ya ubushobozi bw'urubyiruko Politiki irigize biteguye kugira n'abagore bo mu Mitwe ya Politiki mu kwitabira ibikorwa bya wa Repubulika n'ay'Abadepite politiki mu Rwanda, no kujya yo muri Nyakanga 2024. Ibi biganiro byabereye ku cyicaro cy'Ihuriro kiri ku Kacyiru, mu Mujyi wa Kigali.

**IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANA BITEKEREZO
RY'IMITWE YA POLITIKI RYAKURIKIRANYE AMATORA YA
PEREZIDA WA REPUBLIKA
N'AY'ABADEPITE YO MURI
NYAKANGA 2024**



Ihuriro ry'Ighugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryohereje mu turere 30 tw'igihugu indorerezi 99 zituruka mu Mitwe ya Politiki

cumi n'umwe irigize, zikurikirana ibikorwa by'imyiteguro n'imigendekere y'amatora ya Perezida wa Repubulika, n'ay'Abadepite yo muri Nyakanga 2024.

Tariki 12 Nyakanga 2024, indorerezi zose zahuriye ku agakorwa mu mucyo no mu cyicaro cy'Ihuriro zihabwa amabwiriza atandukanye y'uko igikorwa cyo gukurikirana amatora kizagenda zinahabwa ibikoresho zizifashisha. Muri ayo mabwiriza harimo: kureba niba site z'Itora ziteguye neza; kureba ko ibikoresho by'amatora biri kuri site itorerwaho; kureba uko amatora yitabirwa; kureba ko uburenganzira bw'abaje gutora bwubahirimwa; kureba ibarura ry'amajwi n'ibindi.

Ubutumwa bw'indorerezi z'Ihuriro bwakozwe mu matsinda aho buri tsinda ryari rigizwe n'abantu 3 baturuka mu Mitwe ya Politiki itandukanye. Nibura buri mutwe wa Politiki wagize ahantu habiri uyobora itsinda. Ayo matsinda niyo yoherejwe mu turere twose tw'Igihugu, akurikirana imyiteguro ku ma site y'Itora ku itariki ya 14 Nyakanga, naho tariki ya 15 Nyakanga akurikirana imigendekere y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite rusange 53 bo mu Mitwe ya Politiki n'abakandida bigenga. Tariki ya 16 Nyakanga 2024, indorerezi z'Ihuriro zakurikiranyi itora ry'Abadepite 24 b'abagore, iry'umudepite 1 uhagarariye abantu bafite ubumuga, n'itora ry'abadepte 2 uhagarariye urubyiruko. Indorerezi z'Ihuriro zashimye uburyo amatora yateguve,



- Abaturage bitabiriye ibarura ry'amajwi kandi bishimiye ibyavuye mu matora.

Muri rusange, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imite-we ya Politiki risanga amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yabaye tariki ya 15 n'ya 16 Nyakanga 2024 yaragenze neza kandi amategeko n'amabwiriza ayagenga yarubahirijwe. Icyakora, Ihuriro

- Uburyo Komisiyo y'Igihugu y Amatora yakoresheje mu risanga Komisiyo y'Igihugu kumenyesha Abanyarwanda y'Amatora ikwiye gukomeza ibirebana n'amatora burimo gukoresha ibiganiro no kunyuza amatangazo mu bitangazamakuru binyuranye birimo Radio na Televiziyo, imbuga nkoranyambaga n'ubundi buryo binyuranye;
- Ahabereye amatora hari ibirango bihagaragaza;
- Ibiro by'itora, ibyumba by'itora n'ubwihugiko byari biteguye, bitatse neza, kandi bifite isuku ku buryo bushimishije;
- Ibikoresho by'amatora byagereye ku gihe ahabereye amatora kandi abayayoboye bakiraga ababagana neza;
- Amatora yatangiriye ige kandi asozwa ku gihe;
- Amatora yakozwe mu mucyo, mu bwisanzure, mu ituze no mu mutekano usesuye;
- Amatora yakozwe hubahirizwa uburenganzira bw'abatora harimo no korohereza abafite intenge nke;
- Amatora yitabiriwe ku gipimo kiri hejur;
- Ibarura ry'amajwi ryakozwe hakurikijwe amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;

Uretse aya matora Ihuriro ryakurikiranyi, rizohereza kandi indorerezi zaryo gukurikirana imigendekere y'amatora y'Abasenateri ateganyijwe muri Nzeri 2024. Muri aya matora Ihuriro rikaba ritora abasenateri bane nk'uko biteganywa n'ingingo ya 80 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda. ■